



Umwaka wa 63  
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe  
yo ku wa 08/03/2024

Year 63  
Official Gazette n° Special of  
08/03/2024

63<sup>ème</sup> Année  
Journal Officiel n° Spécial du  
08/03/2024

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

**Itegeko/Law/Loi**

**Itegeko n° 006/2024 ryo ku wa 19/01/2024** rigenga amakuru y’abagenzi mbere yo kwinjira cyangwa gusohoka mu Rwanda n’ay’amadosiye yabo .....2

**Law n° 006/2024 of 19/01/2024** governing advance passenger information and passenger name record data .....2

**Loi n° 006/2024 du 19/01/2024** régissant les données relatives aux informations préalables sur les passagers et aux dossiers passagers.....2

<p><b>ITEGEKO N° 006/2024 RYO KU WA 19/01/2024 RIGENGA AMAKURU Y'ABAGENZI MBERE YO KWINJIRA CYANGWA GUSOHOKA MU RWANDA N'AY'AMADOSIYE YABO</b></p>	<p><b>LAW N° 006/2024 OF 19/01/2024 GOVERNING ADVANCE PASSENGER INFORMATION AND PASSENGER NAME RECORD DATA</b></p>	<p><b>LOI N° 006/2024 DU 19/01/2024 REGISSANT LES DONNEES RELATIVES AUX INFORMATIONS PRÉALABLES SUR LES PASSAGERS ET AUX DOSSIERS PASSAGERS</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIERES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p>	<p><b><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Interpretation</u></b></p>	<p><b><u>Article 2 : Interprétation</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibigize amakuru y'umugenzi mbere yo kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda n'ibigize amakuru y'idosiye y'umugenzi</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Elements of Advance Passenger Information and Passenger Name Record data</u></b></p>	<p><b><u>Article 3 : Éléments des données relatives aux informations préalables sur le passager et des données du dossier passager</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: ITUNGANYWA RY'AMAKURU</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: PROCESSING OF DATA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: TRAITEMENT DES DONNÉES</u></b></p>
<p><b><u>Icyiciro cya mbere: Ikusanywa n'itangwa by'amakuru</u></b></p>	<p><b><u>Section One: Data collection and transmission</u></b></p>	<p><b><u>Section première: Collecte et transmission des données</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Abashinzwe itunganywa ry'amakuru</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Responsibility for data processing</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Responsabilité en matière de traitement des données</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Impamvu z'ikusanywa ry'amakuru</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Purposes of data collection</u></b></p>	<p><b><u>Article 5 : Raisons de collecte des données</u></b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Itangwa ry'amakuru</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo bwo gutanga amakuru</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Isesengurwa n'iherekanywa by'amakuru</b></p> <p><b><u>Akicro ka mbere:</u> Isesengurwa ry'amakuru</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Uburyo bw'isesengurwa ry'amakuru</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Isesengurwa ry'amakuru rikozwe n'urwego rwa Leta</b></p> <p><b><u>Akicro ka 2:</u> Ihererekanywa ry'amakuru</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ihererekanywa ry'ibyavuye mu isesengura ry'amakuru</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Ihererekanywa ry'amakuru ku kindi gihugu</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Ibishingirwaho mu guhererekanya amakuru ku kindi igihugu</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA III: KURINDA AMAKURU</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Guhisha umwirondoro</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Transmission of data</b></p> <p><b><u>Article 7:</u> Means of transmitting data</b></p> <p><b><u>Section 2:</u> Assessment and sharing of data</b></p> <p><b><u>Subsection One:</u> Assessment of data</b></p> <p><b><u>Article 8:</u> Modalities for assessment of data</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Assessment of data by a State organ</b></p> <p><b><u>Subsection 2:</u> Sharing of data</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Sharing of result of assessed data</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Sharing of data with a third country</b></p> <p><b><u>Article 12:</u> Conditions for sharing data with another country</b></p> <p><b><u>CHAPTER III: PROTECTION OF DATA</u></b></p> <p><b><u>Article 13:</u> Data depersonalization</b></p>	<p><b><u>Article 6 :</u> Transmission des données</b></p> <p><b><u>Article 7 :</u> Moyens de transmission des données</b></p> <p><b><u>Section 2:</u> Analyse et partage des données</b></p> <p><b><u>Sous-section première:</u> Analyse des données</b></p> <p><b><u>Article 8 :</u> Modalités d'analyse des données</b></p> <p><b><u>Article 9 :</u> Analyse des données par un organe de l'État</b></p> <p><b><u>Sous-section 2:</u> Partage des données</b></p> <p><b><u>Article 10 :</u> Partage du résultat des données analysées</b></p> <p><b><u>Article 11 :</u> Partage des données avec un pays tiers</b></p> <p><b><u>Article 12 :</u> Conditions de partage des données avec un autre pays</b></p> <p><b><u>CHAPITRE III: PROTECTION DES DONNÉES</u></b></p> <p><b><u>Article 13 :</u> Dépersonnalisation des données</b></p>
--	--	--

<b><u>Ingingo ya 14:</u> Igaragazwa ry'amakuru y'umwirondoro wahishwe</b>	<b><u>Article 14:</u> Disclosure of depersonalised data</b>	<b><u>Article 14 :</u> Communication des données dépersonnalisées</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Igihe cyo kubika amakuru</b>	<b><u>Article 15:</u> Period of data retention</b>	<b><u>Article 15 :</u> Période de conservation des données</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Isenywa ry'amakuru y'umwirondoro wahishwe</b>	<b><u>Article 16:</u> Destruction of depersonalised data</b>	<b><u>Article 16 :</u> Destruction des données dépersonnalisées</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Ibikwa ry'ibyavuye mu isuzumwa ry'amakuru</b>	<b><u>Article 17:</u> Retention of the result of processed data</b>	<b><u>Article 17 :</u> Conservation des résultats du traitement des données</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibikwa ry'inyandiko zirebana n'uburyo bw'itunganywa ry'amakuru</b>	<b><u>Article 18:</u> Retention of documents relating to data processing system</b>	<b><u>Article 18 :</u> Conservation des documents relatifs au système de traitement des données</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Inyandiko z'ibyakozwe mu itunganywa ry'amakuru</b>	<b><u>Article 19:</u> Records of data processing operations</b>	<b><u>Article 19 :</u> Registres des opérations de traitement des données</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Uburenganzira bwa nyiri ubwite</b>	<b><u>Article 20:</u> Rights of the data subject</b>	<b><u>Article 20 :</u> Droits de la personne concernée</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Umutekano w'amakuru no kuyagirira ibanga</b>	<b><u>Article 21:</u> Security and confidentiality of data</b>	<b><u>Article 21:</u> Sécurité et confidentialité des données</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Itunganywa ritavangura</b>	<b><u>Article 22:</u> Non-discriminatory processing</b>	<b><u>Article 22 :</u> Traitement non discriminatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Ikurikiranwa ry'itunganywa ry'amakuru</b>	<b><u>Article 23:</u> Monitoring of data processing</b>	<b><u>Article 23 :</u> Suivi du traitement des données</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Kumenyesha ivogerwa ry'amakuru bwite</b>	<b><u>Article 24:</u> Communication of personal data breach</b>	<b><u>Article 24 :</u> Communication d'une atteinte aux données à caractère personnel</b>

<p><b><u>UMUTWE WA IV: AMAKOSA N'IBIHANO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsu</b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: FAULTS AND SANCTIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 25:</u> Faults and administrative sanctions</b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: FAUTES ET SANCTIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 25 :</u> Fautes et sanctions administratives</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Ingingo y'ururimi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 27:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 26:</u> Language provision</b></p> <p><b><u>Article 27:</u> Entry into force</b></p>	<p><b><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 26 :</u> Disposition linguistique</b></p> <p><b><u>Article 27 :</u> Entrée en vigueur</b></p>

<p><b>ITEGEKO N° 006/2024 RYO KU WA 19/01/2024 RIGENGA AMAKURU Y'ABAGENZI MBERE YO KWINJIRA CYANGWA GUSOHOKA MU RWANDA N'AY'AMADOSIYE YABO</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Ugushyingo 2023;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p>	<p><b>LAW N° 006/2024 OF 19/01/2024 GOVERNING ADVANCE PASSENGER INFORMATION AND PASSENGER NAME RECORD DATA</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p> <p><b>THE PARLIAMENT:</b></p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 23 November 2023;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p>	<p><b>LOI N° 006/2024 DU 19/01/2024 REGISSANT LES DONNEES RELATIVES AUX INFORMATIONS PRÉALABLES SUR LES PASSAGERS ET DES DOSSIERS PASSAGERS</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p> <p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p> <p><b>LE PARLEMENT:</b></p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 23 novembre 2023;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64;</p> <p><b>ADOpte:</b></p>
---	--	---

<b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</b>	<b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</b>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b></p> <p>Iri tegeko rigenga ikusanywa, itangwa, isesengurwa n'iherekanywa by'amakuru y'abagenzi mbere y'uko binjira, basohoka cyangwa banyura mu Rwanda n'ay'amadosiye yabo hagamijwe kwemererwa kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda no gukumira, gutahura, kugenza no gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba n'ibyaha biremereye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></b></p> <p>Muri iri tegeko –</p> <p>(a) « <b>amakuru</b> » akubiyemo amakuru y'abagenzi mbere y'uko binjira, basohoka cyangwa banyura mu Rwanda n'ay'amadosiye yabo;</p> <p>(b) « <b>amakuru y'umugenzi mbere yo kwinjira cyangwa gusohoka mu Rwanda</b> » bivuga amakuru arebana n'umugenzi, umukozi w'ikigo cy'ubwikorezi cyangwa undi muntu utwawe na cyo;</p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p> <p>This Law regulates the collection, transmission, assessment, and sharing of Advance Passenger Information and Passenger Name Record data for the preclearance of passengers prior to their entry into, exit from or transit through Rwanda, prevention, detection, investigation and prosecution of terrorist acts and serious crimes.</p> <p><b><u>Article 2: Interpretation</u></b></p> <p>In this Law –</p> <p>(a) “<b>data</b>” includes Advance Passenger Information and Passenger Name Record data;</p> <p>(b) “<b>Advance Passenger Information</b>” means information regarding a passenger, crew member or any other person transported by the transport carrier;</p>	<p><b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b></p> <p>La présente loi régleme la collecte, la transmission, l'analyse et le partage des données relatives aux informations préalables sur les passagers et les dossiers passagers pour le pré-contrôle des passagers avant leur entrée au Rwanda, leur transit par le Rwanda ou leur sortie de ce dernier, la prévention et la détection des actes terroristes et des formes graves de criminalité ainsi que pour les enquêtes et les poursuites en la matière.</p> <p><b><u>Article 2: Interprétation</u></b></p> <p>Dans la présente loi –</p> <p>(a) « <b>données</b> » englobe les données relatives aux informations préalables sur les passagers et les données des dossiers passagers;</p> <p>(b) « <b>informations préalables sur le passager</b> » signifie des informations concernant un passager, un membre du personnel du transporteur ou toute autre personne transportée par ce dernier ;</p>

<p>(c) « <b>ibyaha biremereye</b> » bikubiyemo ibyaha mpuzamahanga, ibyaha byambuka imbibi, ibyaha amategeko y’u Rwanda ahanisha igihano cy’iremezo cy’igifungo kirenze imyaka itanu cyangwa igifungo cya burundu n’ibyaha byerekeye abinjira n’abasohoka;</p> <p>(d) « <b>igikorwa cy’iterabwoba</b> » bivuga igikorwa cy’iterabwoba nk’uko giteganyijwe mu mategeko y’Igihugu cyangwa mu mategeko mpuzamahanga;</p> <p>(e) « <b>idosiye y’umugenzi</b> » bivuga inyandiko ikubiyemo ibisabwa ku rugendo rwa buri mugenzi, birimo amakuru akenerwa mu guha umwanya umugenzi, asuzumwa kandi akagenzurwa n’abashinzwe guha abagenzi imyanya n’ibigo by’ubwikorezi kuri buri rugendo umuntu cyangwa umuhagarariye bafatiye umwanya, abitswe muri sisitemu zo guha abagenzi imyanya, muri sisitemu zigenzura abahagurutse zikoreshwa mu kugenzura abagenzi, cyangwa muri sisitemu zikora ibisa na byo;</p>	<p>(c) “<b>serious crimes</b>” include international crimes, transnational crimes, offences which, under the Rwandan Law, are punishable by a principal penalty of imprisonment of more than five years or life imprisonment, and immigration and emigration offences;</p> <p>(d) “<b>terrorist act</b>” means a terrorist act as defined under national or international legislation;</p> <p>(e) “<b>Passenger Name Record</b>” means a record of each passenger’s travel requirements, which contains information necessary to enable reservations to be processed and controlled by the booking and participating transport carriers for each journey booked by or on behalf of any person, contained in reservation systems, departure control systems used to check passengers, or equivalent systems providing the same functionalities;</p>	<p>(c) « <b>formes graves de criminalité</b> » comprennent les crimes internationaux, les crimes transnationaux, les infractions qui, en vertu de la loi rwandaise, sont punissables à titre de peine principale d’une peine d’emprisonnement supérieure à cinq ans ou d’emprisonnement à vie et les infractions liées à l’immigration et à l’émigration;</p> <p>(d) « <b>acte terroriste</b> » signifie un acte terroriste au sens de la législation nationale ou internationale;</p> <p>(e) « <b>dossier passager</b> » signifie un relevé des formalités imposées à chaque passager, contenant les informations nécessaires pour permettre le traitement et le contrôle des réservations par les transporteurs adhérents qui assurent des réservations pour chaque voyage réservé par une personne ou en son nom, figurant dans les systèmes de réservation et de contrôle des départs servant au contrôle des passagers ou des systèmes équivalents offrant les mêmes fonctionnalités;</p>
--	--	--



<p>(f) « <b>ikigo cy’ubwikorezi</b> » hakubiyemo ikigo gikora ubwikorezi bwo mu kirere, ubwo mu muhanda, ubwa gariyamoshi n’ubwo mu mazi, gifite uruhushya rwo gutwara abagenzi rufite agaciro cyangwa indi nyandiko ihwanye na rwo;</p> <p>(g) « <b>itunganywa ry’amakuru</b> » bivuga ibikorwa bikubiyemo gukusanya, gutanga, gusesengura no guhererekanya amakuru y’umugenzi mbere yo kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda n’ay’idosiye ye;</p> <p>(h) «<b>kwemererwa</b>» bivuga ibikorwa byo gusesengura ingaruka ku mugenzi mbere y’uko yinjira, asohoka cyangwa anyura mu Rwanda;</p> <p>(i) « <b>Minisitiri</b> » bivuga Minisitiri ufite abinjira n’abasohoka mu Rwanda mu nshingano;</p> <p>(j) « <b>nyiri ubwite</b> » bivuga umuntu ku giti cye wagaragajwe cyangwa ushobora kugaragazwa urebwa n’ikusanywa ry’amakuru;</p> <p>(k) « <b>uburyo bwa push</b> » bivuga uburyo bukoreshwa n’ikigo cy’ubwikorezi mu</p>	<p>(f) “<b>transport carrier</b>” includes an air, road, railway and water transport carrier with a valid operating licence or equivalent document for carriage of passengers;</p> <p>(g) “<b>processing</b>” means operations involving collection, transmission, assessment and sharing of Advance Passenger Information and Passenger Name Record data;</p> <p>(h) “<b>preclearance</b>” means operations involved in the assessment of risk of a passenger prior to his or her entry into, exit from or transit through Rwanda;</p> <p>(i) “<b>Minister</b>” means the Minister in charge of immigration and emigration in Rwanda;</p> <p>(j) “<b>data subject</b>” means an identified or identifiable natural person subject to data collection;</p> <p>(k) “<b>Push method</b>” means the method whereby a transport carrier transmits</p>	<p>(f) « <b>transporteur</b> » comprend un transporteur aérien, routier, ferroviaire et maritime, titulaire d’une licence d’exploitation valable ou d’un document équivalent pour le transport de passagers;</p> <p>(g) « <b>traitement</b> » signifie les opérations qui consistent à collecter, transmettre, analyser et partager les données relatives aux informations préalables sur le passager et les données du dossier passager;</p> <p>(h) « <b>pré-contrôle</b> » signifie les opérations concernant l’analyse des risques d’un passager avant son entrée au Rwanda, sa sortie du Rwanda ou son transit par ce dernier;</p> <p>(i) « <b>Ministre</b> » signifie le Ministre ayant l’immigration et l’émigration dans ses attributions au Rwanda;</p> <p>(j) « <b>personne concernée</b> » signifie une personne physique identifiée ou identifiable concernée par la collecte des données;</p> <p>(k) « <b>méthode push</b> » signifie une méthode par laquelle un transporteur</p>
---	---	--

<p>kohereza ibigize amakuru y’umugenzi mbere y’uko yinjira, asohoka cyangwa anyura mu Rwanda n’iby’ay’idosiye ye cyakusanyije mu buryo gisanzwe gikoresha mu kazi kacyo, mu bubiko shingiro bw’amakuru y’abagenzi;</p> <p>(l) «<b>uburyo bwo gufata umwanya</b> » bivuga sisitemu ikigo cy’ubwikorezi gikusanyirizamo amakuru y’umugenzi mbere y’uko yinjira, asohoka cyangwa anyura mu Rwanda n’ay’idosiye ye kugira ngo akoreshwe mu guha abagenzi imyanya;</p> <p>(m)« <b>Ubuyobozi Bukuru</b> » bivuga Ubuyobozi Bukuru bw’abinjira n’abasohoka mu Rwanda;</p> <p>(n) «<b>umugenzi</b> » bivuga umuntu wemeye gutwarwa n’ikigo cy’ubwikorezi, akemera ko amakuru yatanze atunganywa, akabyemera yiyandikisha nk’umugenzi mu buryo bukorehwa n’icyo kigo mu kwandika abagenzi;</p> <p>(o) «<b>Umuyobozi Mukuru</b>» bivuga Umuyobozi Mukuru ushinze abinjira n’abasohoka mu Rwanda;</p> <p>(p) « <b>urwego rwa Leta</b> » bivuga urwego</p>	<p>collected Advance Passenger Information and Passenger Name Record data elements collected in the normal course of its business into the passenger information system;</p> <p>(l) “<b>reservation system</b>” means a transport carrier’s internal system, in which Advance Passenger Information and Passenger Name Record data is collected for the handling of reservations;</p> <p>(m)“<b>Directorate General</b>” means the Directorate General of Immigration and Emigration in Rwanda;</p> <p>(n) “<b>passenger</b>” means a person who has consented to be carried by a transport carrier, and to the processing of his or her personal data; such consent being manifested by the person’s registration in the passenger carrier system;</p> <p>(o) “<b>Director General</b>” means the Director General of Immigration and Emigration in Rwanda;</p> <p>(p) “<b>State organ</b>” means the State organ</p>	<p>transmet les éléments des données relatives aux informations préalables sur le passager et des données du dossier passager collectées dans le cours normal de ses activités, dans le système d’information des passagers ;</p> <p>(l) « <b>système de réservation</b> » signifie un système interne du transporteur, dans lequel les données relatives aux informations préalables sur le passager et les données du dossier passager sont collectées pour la gestion des réservations;</p> <p>(m)« <b>Direction générale</b> » signifie la Direction générale de l’Immigration et de l’Émigration au Rwanda;</p> <p>(n) « <b>passager</b> » signifie une personne ayant consenti à être transportée par un transporteur et au traitement de ses données personnelles, lequel consentement se manifeste par l’inscription de la personne dans le système du transporteur des passagers;</p> <p>(o) « <b>Directeur général</b> » signifie le Directeur général de l’Immigration et de l’Émigration au Rwanda ;</p> <p>(p) « <b>organe de l’État</b> » signifie l’organe</p>
--	--	---

<p>rwa Leta rufite mu nshingano gukumira, gutahura, kugenza cyangwa gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye;</p> <p>(q) « <b>urwego rugenzura</b> » bivuga urwego rufite mu nshingano gukurikirana iyubahirizwa ryo kurinda amakuru bwite n'imibereho bwite by'umuntu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Ibigize amakuru y'umugenzi mbere yo kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda n'ibigize amakuru y'idosiye y'umugenzi</u></b></p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibigize amakuru y'umugenzi mbere yo kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda n'ibigize amakuru y'idosiye y'umugenzi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA II: ITUNGANYWA RY'AMAKURU</u></b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere: Ikusanywa n'itangwa by'amakuru</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Abashinzwe itunganywa ry'amakuru</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru, bwonyine cyangwa bufatanyije n'urwego rwa Leta, butunganya</p>	<p>in charge of prevention, detection, investigation or prosecution of terrorist acts or serious crimes;</p> <p>(q) “<b>supervisory authority</b>” means the organ in charge of oversight of compliance with personal data protection and privacy.</p> <p><b><u>Article 3: Elements of Advance Passenger Information and Passenger Name Record data</u></b></p> <p>An Order of the Minister determines elements of Advance Passenger Information and Passenger Name Record data.</p> <p><b><u>CHAPTER II: PROCESSING OF DATA</u></b></p> <p><b><u>Section One: Data collection and transmission</u></b></p> <p><b><u>Article 4: Responsibility for data processing</u></b></p> <p>The Directorate General, either alone or in collaboration with the State organ, processes Advance Passenger Information and</p>	<p>de l'État ayant dans ses attributions la prévention, la détection, l'enquête ou la poursuite des actes terroristes ou des formes graves de criminalité;</p> <p>(q) « <b>organe de supervision</b> » signifie un organe ayant dans ses attributions le contrôle du respect de la protection des données à caractère personnel et de la vie privée.</p> <p><b><u>Article 3: Éléments des données relatives aux informations préalables sur le passager et des données du dossier passager</u></b></p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les éléments des données relatives aux informations préalables sur le passager et des données du dossier passager.</p> <p><b><u>CHAPITRE II: TRAITEMENT DES DONNÉES</u></b></p> <p><b><u>Section première: Collecte et transmission des données</u></b></p> <p><b><u>Article 4: Responsabilité en matière de traitement des données</u></b></p> <p>La Direction générale, seule ou en collaboration avec l'organe de l'État, effectue</p>
--	---	---

<p>amakuru y'abagenzi n'ay'amadosiye yabo, bukanagena uburyo bwo kuyatunganya.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Impamvu z'ikusanywa ry'amakuru</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bukusanya amakuru yoherejwe n'ikigo cy'ubwikorezi ku mpamvu zikurikira :</p> <p>(a) kwemerera umugenzi mbere yo kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda;</p> <p>(b) kugenzura umugenzi mbere y'uko yinjira, asohoka cyangwa anyura mu Rwanda, kugira ngo hamenyekane umugenzi ukeneye kongera kugenzurwa n'urundi rwego rwa Leta cyangwa urwego rubifitiye ububasha rw'ikindi gihugu, iyo hakekwa ko uwo mugenzi ashobora kuba afite uruhare mu bikorwa by'iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye;</p> <p>(c) gusubiza kuri buri dosiye yasabwe, ubusabe bw'urwego rwa Leta bwo gutanga cyangwa gusuzuma amakuru hashingiwe kuri buri dosiye,</p>	<p>Passenger Name Record data and determines modalities for the processing thereof.</p> <p><b><u>Article 5: Purposes of data collection</u></b></p> <p>The Directorate General collects data transmitted by the transport carrier for the following purposes :</p> <p>(a) passenger preclearance prior to his or her entry into, exit from or transit through Rwanda;</p> <p>(b) to carry out an assessment of a passenger prior to his or her arrival in, departure from or transit through Rwanda to identify a passenger who requires further assessment by another State organ or competent authority of another country, under suspicion of the passenger being involved in terrorist acts or serious crimes;</p> <p>(c) to respond, on a case-by-case basis, to a request from a State organ to provide or process data in specific cases for the purposes of preventing, detecting,</p>	<p>le traitement des données relatives aux informations préalables sur les passagers et des dossiers passagers et en détermine les modalités de traitement.</p> <p><b><u>Article 5: Raisons de collecte des données</u></b></p> <p>La Direction générale collecte les données transmises par le transporteur pour les raisons suivantes :</p> <p>(a) le pré-contrôle d'un passager avant son entrée au Rwanda, sa sortie du Rwanda ou son transit par ce dernier;</p> <p>(b) réaliser une évaluation d'un passager avant son entrée au Rwanda, sa sortie ou son transit par ce dernier pour l'identification d'un passager pour lequel est requis une analyse plus approfondie par un autre organe de l'État ou l'autorité compétente d'un autre pays, compte tenu du fait que ce passager est soupçonné d'être impliqué dans des actes terroristes ou formes graves de criminalité;</p> <p>(c) répondre, au cas par cas, à une demande d'un organe de l'État visant à ce que des données lui soient communiquées ou à ce que celles-ci</p>
---	--	---

<p>hagamijwe gukumira, gutahura, kugenza no gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye no gushyikiriza urwo rwego ibyavuye muri iryo tunganywa;</p> <p>(d) guhuza n'igihe cyangwa gushyiraho ibishingirwaho bishya mu gusesengura amakuru hagamijwe gutahura umugenzi ushobora kuba afite uruhare mu bikorwa by'iterabwoba cyangwa mu byaha biremereye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Itangwa ry'amakuru</u></b></p> <p>(1) Ikigo cy'ubwikorezi kijya, kiva cyangwa kinyura mu Rwanda, mbere yo guhaguruka ku cyambu cya nyuma, cyohereza mu bubiko shingiro bw'amakuru y'abagenzi, amakuru y'abagenzi mbere yo kwinjira, gusohoka cyangwa kunyura mu Rwanda, mu buryo bwa <i>push</i>.</p> <p>(2) Ikigo cy'ubwikorezi kijya, kiva cyangwa kinyura mu Rwanda, cyohereza mu bubiko shingiro bw'amakuru y'abagenzi, amakuru y'amadosiye y'abagenzi, mu buryo bwa <i>push</i>.</p>	<p>investigating and prosecuting terrorist acts or serious crimes, and to provide the State organ with the results of such processing;</p> <p>(d) to update or create new criteria to be used in the assessment carried out in order to identify a passenger who may be involved in terrorist acts or serious crimes.</p> <p><b><u>Article 6: Transmission of data</u></b></p> <p>(1) A transport carrier destined to, departing from or transiting through Rwanda, prior to departure from the last port of call, transmits to the passenger information system, by Push method, Advance Passenger Information data.</p> <p>(2) A transport carrier destined to, departing from or transiting through Rwanda, transmits to the passenger information system, by Push method, the Personal Name Record data.</p>	<p>fassent l'objet d'un traitement dans des cas spécifiques, aux fins de la prévention et de la détection d'actes terroristes ou de formes graves de criminalité, ainsi qu'aux fins d'enquêtes et de poursuites en la matière et communiquer à cet organe de l'État les résultats de ce traitement;</p> <p>(d) mettre à jour ou définir de nouveaux critères à utiliser pour les analyses réalisées en vue d'identifier un passager susceptible d'être impliqué dans des actes terroristes ou formes graves de criminalité.</p> <p><b><u>Article 6: Transmission des données</u></b></p> <p>(1) Un transporteur à destination, en provenance du Rwanda ou en transit au Rwanda, avant le départ du dernier port d'escale, transmet dans le système d'information des passagers, par méthode <i>push</i>, les données des informations préalables sur les passagers.</p> <p>(2) Un transporteur à destination, en provenance du Rwanda ou en transit au Rwanda transmet, par la méthode <i>push</i> les données des dossiers passagers dans le système d'information des passagers.</p>
---	--	--

<p>(3) Iyo ikigo cy'ubwikorezi kinyura by'akanya gato mu Rwanda, icyo kigo cy'ubwikorezi cyohereza amakuru mu bubiko shingiro bw'amakuru y'abagenzi.</p> <p>(4) Iyo ibigo byinshi by'ubwikorezi bihuje imikorere mu rugendo rumwe, ikigo cy'ubwikorezi gicunga urwo rugendo ni cyo cyohereza amakuru mu bubiko shingiro bw'amakuru y'abagenzi.</p> <p>(5) Iteka rya Minisitiri rigena igihe cyo gutanga amakuru.</p>	<p>(3) If Rwanda is a stop-over destination for the transport carrier, the transport carrier transmits data to the passenger information system.</p> <p>(4) If a travel is code-shared between many transport carriers, the transport carrier that operates the travel transmits the data to the passenger information system.</p> <p>(5) An Order of the Minister determines the time frame for transmission of data.</p>	<p>(3) Lorsque le Rwanda est la destination d'escale pour le transporteur, ce transporteur transmet les données au système d'information des passagers.</p> <p>(4) Lorsqu'il s'agit d'un voyage en partage entre plusieurs transporteurs, le transporteur qui assure le voyage transmet les données au système d'information des données.</p> <p>(5) Un arrêté du Ministre détermine les délais de transmission des données.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Uburyo bwo gutanga amakuru</u></b></p> <p>(1) Ikigo cy'ubwikorezi gitanga amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga, hakoreshejwe uburyo bw'imikorere ihuriweho, mu miterere yemewe ibasha gusomwa na buri wese, no mu nzira zagenwe. Icyakora, iyo ubwo buryo budashobotse, ikigo cy'ubwikorezi gitanga amakuru gikoresheje ubundi buryo bwose bushoboka bufite umutekano ku kigero kimwe kandi bwubahiriza amategeko arebana no kurinda amakuru bwite y'umuntu.</p>	<p><b><u>Article 7: Means of transmitting data</u></b></p> <p>(1) A transport carrier transmits data by electronic means using the common protocols, supported data formats ensuring their readability by all parties involved, and transmission protocols. However, in the event of technical failure, a transport carrier uses any other appropriate means having the same level of security and ensuring compliance with relevant legislation on personal data protection.</p>	<p><b><u>Article 7: Moyens de transmission des données</u></b></p> <p>(1) Un transporteur transmet des données par voie électronique au moyen de protocoles communs et de formats de données reconnus pour en assurer la lisibilité par toutes les parties concernées, et les protocoles de transmission. Toutefois, en cas de défaillance technique, un transporteur utilise tout autre moyen approprié offrant le même niveau de sécurité et garantissant le respect de la législation sur la protection des données à caractère personnel.</p>

<p>(2) Ikigo cy'ubwikorezi ghitamo kandi kikamenyeshya Ubuyobozi Bukuru uburyo bw'imikorere buhuriweho n'imiterere cyifuza gukoresha mu gutanga amakuru, ariko bikabanza kwemezwa n'Ubuyobozi Bukuru ko iyo miterere n'ubwo buryo bw'imikorere byo gutanga amakuru bitanga icyizere gihagije cy'umutekano.</p> <p>(3) Ikigo cy'ubwikorezi gitangira gukoresha uburyo bw'imikorere buhuriweho n'imiterere y'amakuru byumvikanyweho mu gihe kitarenze amezi atandatu uherye ku muni byemerejwe.</p>	<p>(2) A transport carrier selects and identifies to the Directorate General the common protocol and data format that it intends to use for data transmission, provided that the Directorate General is satisfied that the data format and transmission protocol provide an adequate level of security.</p> <p>(3) A transport carrier uses the adopted common protocols and data formats within six months from the date of adoption.</p>	<p>(2) Un transporteur choisit et précise à la Direction générale le protocole commun et le format des données qu'il a l'intention d'utiliser pour la transmission des données, à condition que la Direction générale ait l'assurance que ce format et ce protocole de transmission des données offrent un niveau approprié de sécurité.</p> <p>(3) Un transporteur utilise les protocoles communs et les formats des données adoptés dans les six mois suivant le jour de leur adoption.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Isesengurwa n'iherekanywa by'amakuru</b></p>	<p><b><u>Section 2 : Assessment and sharing of data</u></b></p>	<p><b><u>Section 2 : Analyse et partage des données</u></b></p>
<p><b><u>Akicro ka mbere:</u> Isesengurwa ry'amakuru</b></p>	<p><b><u>Subsection One: Assessment of data</u></b></p>	<p><b><u>Sous-section première: Analyse des données</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Uburyo bw'isesengurwa ry'amakuru</b></p>	<p><b><u>Article 8 : Modalities for assessment of data</u></b></p>	<p><b><u>Article 8 : Modalités d'analyse des données</u></b></p>
<p>Amakuru asesengurwa binyuze –</p> <p>(a) mu kugereranya amakuru n'amakuru ari mu bubiko shingiro bw'amakuru y'abagenzi, harimo ubw'ay'abantu</p>	<p>Data are assessed through –</p> <p>(a) comparing data against databases available in the passenger information system, including databases on persons</p>	<p>Les données sont analysées –</p> <p>(a) en confrontant les données aux bases de données disponibles dans le système de gestion des informations</p>

<p>cyangwa ubw'ay'ibintu bishakishwa, hagamijwe gukumira, gutahura, kugenza no gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba n'ibyaha biremereye hashingiwe ku mategeko y'Igihugu cyangwa mpuzamahanga;</p> <p>(b) mu kongera gusuzuma, umuntu ku wundi, harebwa niba amakuru yavuye mu itunganywa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga ryikoresha ahuye n'ayavuye mu isuzumwa ryifashishije uburyo butari ubw'ikoranabuhanga ryikoresha, hagamijwe kwemeza ko ayo makuru y'isuzumwa ryifashishije uburyo bw'ikoranabuhanga ryikoresha ari cyangwa atari ukuri;</p> <p>(c) no mu gusesengura amakuru mbere y'uko umugenzi yinjira, asohoka cyangwa anyura mu Rwanda hashingiwe ku bigenderwaho byagenwe mbere y'igihe byihariye kandi bijyanye n'ibikenewe nk'uko byagenwe n'Ubuyobozi Bukuru, mu buryo butavangura.</p>	<p>or objects sought, relevant for the purposes of preventing, detecting, investigating and prosecuting terrorist acts and serious crimes in accordance with international and national rules;</p> <p>(b) reviewing, individually, any positive match resulting from the automated processing of data by non-automated means to confirm or disapprove the result from the system;</p> <p>(c) and assessing a passenger before arrival, departure or transit through Rwanda against focused, proportional and specific predetermined criteria as set by the Directorate General, in a non-discriminatory manner.</p>	<p>sur les voyageurs, y compris les bases de données concernant les personnes ou les objets recherchés utiles aux fins de la prévention, de la détection ainsi que des enquêtes et des poursuites des actes terroristes et des formes graves de criminalité, conformément aux règles nationales et internationales;</p> <p>(b) en examinant, au cas par cas, toute correspondance positive résultant du traitement automatique des données grâce aux moyens non-automatiques pour confirmer ou infirmer le résultat du système automatique;</p> <p>(c) et en réalisant une évaluation d'un passager avant son arrivée au Rwanda, son départ du Rwanda ou son transit par le Rwanda par rapport aux critères prédéterminés ciblés, proportionnels et spécifiques tels que déterminés par la Direction générale, d'une manière non discriminatoire.</p>
--	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 9</u> : Isesengurwa ry’amakuru rikozwe n’urwego rwa Leta</b></p> <p>Urwego rwa Leta, mu gihe rwongeye gusesengura amakuru, rufata, mu buryo butavangura, icyemezo kidashobora kugira ingaruka ku muntu mu rwego rw’amategeko cyangwa izo kumuhungabanya, hashingiwe gusa ku isesengurwa ry’amakuru hifashishijwe uburyo bw’ikoranabuhanga ryikoresha.</p> <p><b><u>Akiciro ka 2: Ihererekanywa ry’amakuru</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Ihererekanywa ry’ibyavuye mu isesengura ry’amakuru</u></b></p> <p>(1) Ubuyobozi Bukuru buha urwego rwa Leta cyangwa ikindi gihugu ibyavuye mu isesengura ry’amakuru, kugira ngo byongere biyasesengure cyangwa ngo bifate icyemezo gikwiye hagamijwe gukumira, gutahura, kugenza no gukurikirana ibikorwa by’iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye.</p> <p>(2) Ihererekanywa ry’ibyavuye mu isesengura ry’amakuru rivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo rikorwa kuri buri dosiye isabwe, kandi mu gihe hakoze isesengura ry’amakuru</p>	<p><b><u>Article 9</u> : Assessment of data by a State organ</b></p> <p>A State organ, while carrying out further assessment of data, takes a decision in a non-discriminatory manner, which may not produce an adverse legal effect on a person or significantly affect the person only by reason of the automated assessment of data.</p> <p><b><u>Subsection 2: Sharing of data</u></b></p> <p><b><u>Article 10: Sharing of result of assessed data</u></b></p> <p>(1) The Directorate General makes available to a State organ or another country the result of assessed data for further assessment or appropriate action for the purposes of preventing, detecting, investigating and prosecuting terrorist acts or serious crimes.</p> <p>(2) The sharing of the result of assessed data referred to in Paragraph (1) of this Article is done for each requested passenger file and, in the event of automated processing of data, after</p>	<p><b><u>Article 9</u> : Analyse des données par un organe de l’État</b></p> <p>Un organe de l’État, lors de l’analyse plus approfondi des données, prend une décision, d’une manière non discriminatoire, qui ne peut pas produire un effet juridique défavorable sur une personne ou sérieusement affecter cette personne uniquement en raison de l’analyse automatisée de données.</p> <p><b><u>Sous-section 2: Partage des données</u></b></p> <p><b><u>Article 10: Partage du résultat des données analysées</u></b></p> <p>(1) La Direction générale met à la disposition d’un organe de l’État ou d’un autre État le résultat de l’analyse des données pour une analyse plus approfondie ou des mesures appropriées aux fins de la prévention, de la détection ainsi que des enquêtes et des poursuites des actes terroristes ou des formes graves de criminalité.</p> <p>(2) Le partage du résultat de l’analyse des données visé au paragraphe (1) du présent article se fait pour chaque dossier passager demandé et, en cas de traitement automatique des données,</p>
--	---	---

<p>hifashishijwe uburyo bw'ikorabuhanga ryikoresha, agahererekanywa amaze kongera gusesengurwa, kuri buri dosiye isabwe, hifashishijwe ubundi buryo butari ubw'ikorabuhanga ryikoresha.</p>	<p>individual review by non-automated means.</p>	<p>après leur examen individuel par des moyens non-automatisés.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 11: Ihererekanywa ry'amakuru ku kindi gihugu</u></b></p>	<p><b><u>Article 11: Sharing of data with a third country</u></b></p>	<p><b><u>Article 11: Partage des données avec un pays tiers</u></b></p>
<p>(1) Ihererekanywa ry'amakuru cyangwa ibyavuye mu isesengura ry'ayo makuru ku kindi gihugu bikorwa hatanzwe uburenganzira bw'igihugu cyatanze ubwa mbere ayo makuru.</p>	<p>(1) The sharing of data or of the result of assessed data with a third country can only take place subject to prior consent of the sending country from which the data was obtained.</p>	<p>(1) Le partage des données ou du résultat de l'analyse de ces données avec un pays tiers ne peut se faire sans le consentement préalable du pays d'envoi auprès duquel les données ont été obtenues.</p>
<p>(2) Mu gihe ihererekanywa ry'amakuru cyangwa ibyavuye mu isesengura ry'ayo makuru ku kindi gihugu, bitagombye uburenganzira bw'igihugu cyatanze ubwa mbere ayo makuru, byemewe ku mpamvu zidasanzwe iyo—</p>	<p>(2) The sharing of data or of the result of assessed data with a third country, without prior consent of the sending country from which the data was obtained, is permitted in exceptional circumstances and only if—</p>	<p>(2) Le partage des données ou du résultat de l'analyse de ces données avec un pays tiers, sans le consentement préalable du pays d'envoi auprès duquel les données ont été obtenues, est autorisé dans des circonstances exceptionnelles et uniquement lorsque—</p>
<p>(a) iryo hererekanywa ry'amakuru cyangwa ibyavuye mu isesengura ry'ayo makuru ari irya ngombwa, kugira ngo hafatwe icyemezo ku kibazo cyihariye kandi kigaragara cyerekeranye n'ibikorwa</p>	<p>(a) such sharing of data or of the result of assessed data is essential to respond to a specific and actual threat related to terrorist acts or serious crimes to the sending country or a third country;</p>	<p>(a) un tel partage des données ou du résultat de l'analyse de ces données est essentiel pour répondre à une menace spécifique et réelle liée à des actes terroristes ou à des formes graves de criminalité pour</p>

<p>by'iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye ku gihugu gitanze amakuru cyangwa kuri icyo gihugu kindi;</p> <p>(b) ubwo burenganzira bwo guhererekanya amakuru cyangwa ibyavuye mu isesengura ry'ayo makuru budashobora kuboneka mu gihe gikwiye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Ibishingirwaho mu guhererekanya amakuru ku kindi gihugu</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bushobora guhererekanya n'ikindi gihugu amakuru cyangwa ibyavuye mu isesengura ryayo, dosiye imwe ku yindi iyo –</p> <p>(a) igihugu cyakiriye amakuru cyubahiriza inshingano n'ibisabwa mu kurinda amakuru nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga;</p> <p>(b) ihererekanywa ry'amakuru cyangwa ibyavuye mu isesengura ryayo ari ngombwa mu gukumira, mu gutahura, mu kugenza cyangwa gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba n'ibyaha biremereye;</p>	<p>(b) the prior consent to the sharing of data or of the result of assessed data cannot be obtained within a reasonable time.</p> <p><b><u>Article 12: Conditions for sharing data with another country</u></b></p> <p>The Directorate General may share with another country data or the result of assessed data, on a case-by-case basis if –</p> <p>(a) the recipient country meets data protection obligations and conditions as provided for by relevant laws;</p> <p>(b) the sharing of data or result of assessing such data is necessary for the prevention, detection, investigation or prosecution of terrorist acts and serious crimes;</p>	<p>le pays d'envoi ou un pays tiers;</p> <p>(b) le consentement préalable au partage des données ou du résultat de l'analyse de ces données ne peut pas être obtenu dans un délai raisonnable.</p> <p><b><u>Article 12: Conditions de partage des données avec un autre pays</u></b></p> <p>La Direction générale peut partager avec un autre pays les données ou le résultat de l'analyse de ces données au cas par cas lorsque–</p> <p>(a) le pays destinataire satisfait aux obligations et aux conditions de protection des données conformément à la législation en la matière;</p> <p>(b) le partage des données ou du résultat de l'analyse de ces données est nécessaire pour la prévention et la détection des actes terroristes et des formes graves de criminalité ainsi que pour les enquêtes ou les poursuites en la matière;</p>
--	---	--

<p>(c) igihugu cyakiriye amakuru cyemera guhererekanya amakuru n'ikindi gihugu gusa iyo ari ku mpamvu zo gukumira, izo gutahura, izo kugenza cyangwa izo gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye.</p>	<p>(c) the recipient country agrees to share the data or result of assessing such data to a third country only where it is strictly necessary for the prevention, detection, investigation or prosecution of terrorist acts and serious crimes.</p>	<p>(c) le pays destinataire accepte de partager les données ou le résultat de l'analyse de ces données avec un pays tiers uniquement lorsque cela est strictement nécessaire pour la prévention et la détection des actes terroristes et des formes graves de criminalité ainsi que pour les enquêtes ou les poursuites en la matière.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: KURINDA AMAKURU</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: PROTECTION OF DATA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: PROTECTION DES DONNÉES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Guhisha umwirondoro</u></b></p>	<p><b><u>Article 13: Data depersonalization</u></b></p>	<p><b><u>Article 13: Dépersonnalisation des données</u></b></p>
<p>Ubuyobozi Bukuru buhisha umwirondoro wa nyiri ubwite hifashishijwe kutagaragaza ibigize amakuru bikurikira byatuma uyakoresha amenya nyirayo mu buryo butaziguye:</p>	<p>The Directorate General depersonalizes data of a data subject through masking out the following data elements which could serve the user to identify directly the passenger to whom the data relate:</p>	<p>La Direction générale dépersonnalise les données d'une personne concernée par le masquage des éléments des données suivants qui pourraient servir à permettre à l'utilisateur d'identifier directement le passager auquel se rapportent les données:</p>
<p>(a) amazina, harimo amazina n'umubare by'abo basangiye urugendo nk'uko bigaragara mu makuru y'abagenzi mbere y'uko binjira, basohoka cyangwa banyura mu Rwanda cyangwa mu makuru y'amadosiye y'abagenzi;</p> <p>(b) aho abarizwa n'uburyo aboneka;</p>	<p>(a) names, including the names and number of passengers on the Advanced Passenger Information or Passenger Name Record data, travelling together;</p> <p>(b) address and contact information;</p>	<p>(a) les noms, y compris les noms et nombre de passagers voyageant ensemble figurant dans les informations préalables sur les passagers ou dans les données des dossiers passagers;</p> <p>(b) l'adresse et les coordonnées;</p>

<p>(c) uburyo bwo kwishyura, harimo n’aho kwishyura byakorewe, harimo amakuru yafasha kumenya ku buryo butaziguye umugenzi uvugwa mu makuru y’abagenzi mbere y’uko binjira, basohoka cyangwa banyura mu Rwanda n’ay’amadosiye yabo, cyangwa abandi bantu;</p> <p>(d) amakuru ajyanye no kuba akora ingendo kenshi;</p> <p>(e) amakuru rusange akubiyemo amakuru yose ashobora gufasha kumenya mu buryo butaziguye umugenzi uvugwa mu makuru y’abagenzi mbere y’uko binjira, basohoka cyangwa banyura mu Rwanda n’ay’amadosiye yabo.</p>	<p>(c) forms of payment information, including billing address containing any information which could serve to identify directly the passenger to whom the Advance Passenger Information and Passenger Name Record data relate to or any other persons;</p> <p>(d) frequent flyer information;</p> <p>(e) general information containing any information which could serve to identify directly the passenger to whom the Advance Passenger Information and Passenger Name Record data relate.</p>	<p>(c) les modes de paiement, y compris l’adresse de facturation contenant tout renseignement qui pourrait servir à identifier directement le passager auquel les données des informations préalables sur les passagers et des dossiers passagers se rapportent ou toute autre personne;</p> <p>(d) les informations « grands voyageurs »;</p> <p>(e) les informations générales comportant toute information qui pourrait servir à identifier directement le passager auquel les données des informations préalables sur les passagers et des dossiers passagers se rapportent.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14: Igaragazwa ry’amakuru y’umwirondoro wahishwe</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bugaragaza amakuru y’umwirondoro wahishwe, iyo gusa bizwi neza ko iryo garagazwa ari ngombwa mu gukumira, gutahura, kugenza no gukurikirana ibikorwa by’iterabwoba cyangwa ibyaha biremereye.</p>	<p><b><u>Article 14: Disclosure of depersonalised data</u></b></p> <p>The Directorate General discloses depersonalised data only when it is determined that such disclosure is necessary for the prevention, detection, investigation and prosecution of terrorist acts and serious crimes.</p>	<p><b><u>Article 14: Communication des données dépersonnalisées</u></b></p> <p>La Direction générale ne communique les données dépersonnalisées que lorsqu’il est établi que leur communication est nécessaire pour la prévention et la détection des actes terroristes et des formes graves de criminalité, ainsi que pour les enquêtes et les poursuites en la matière.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 15: Igihe cyo kubika amakuru</u></b></p> <p>(1) Ubuyobozi Bukuru bubika amakuru yatanzwe n'ikigo cy'ubwikorezi mu bubiko shingiro bw'amakuru y'abagenzi, mu buryo busomeka, mu gihe cy'imyaka itanu ibarwa uherye ku muni bwayakiriyeho.</p> <p>(2) Ubuyobozi Bukuru bubika amakuru yahishiwe umwirondoro, mu gihe cy'imyaka itanu ibarwa uherye ku muni igihe cyo kubika amakuru mu buryo busomeka kirangiraho.</p>	<p><b><u>Article 15: Period of data retention</u></b></p> <p>(1) The Directorate General retains in a passenger information system the data transmitted by a transport carrier, in a readable format, for a period of five years from the date of its reception.</p> <p>(2) The Directorate General retains depersonalised data, for a period of five years from the expiry of the period for data retention in a readable format.</p>	<p><b><u>Article 15: Période de conservation des données</u></b></p> <p>(1) La Direction générale conserve dans une base de données des passagers, les données transmises par un transporteur, dans un format lisible, pour une période de cinq ans à compter du jour de leur réception.</p> <p>(2) La Direction générale conserve les données dépersonnalisées pour une période de cinq ans à compter du jour d'expiration de la période de rétention de ces données dans un format lisible.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16: Isenywa ry'amakuru y'umwirondoro wahishwe</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru busenya amakuru y'umwirondoro wahishwe iyo igihe cyo kuyabika kirangiye.</p>	<p><b><u>Article 16: Destruction of depersonalised data</u></b></p> <p>The Directorate General destroys depersonalised data at the expiry of the period required for its retention.</p>	<p><b><u>Article 16: Destruction des données dépersonnalisées</u></b></p> <p>La Direction générale détruit les données dépersonnalisées à l'expiration de la période requise pour leur conservation.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Ibikwa ry'ibyavuye mu isuzumwa ry'amakuru</u></b></p> <p>(1) Ubuyobozi Bukuru bubika ibyavuye mu isuzumwa ry'amakuru igihe cyose bikenewe mu gukumira, gutahura, kugenza no gukurikirana ibikorwa by'iterabwoba cyangwa n'ibyaha biremereye.</p>	<p><b><u>Article 17: Retention of the result of processed data</u></b></p> <p>(1) The Directorate General retains the result of processed data as long as necessary for the prevention, detection, investigation and prosecution of terrorist acts and serious crimes.</p>	<p><b><u>Article 17: Conservation des résultats du traitement des données</u></b></p> <p>(1) La Direction générale conserve les résultats des données traitées aussi longtemps que nécessaire pour la prévention et la détection des actes terroristes et des formes graves de criminalité, ainsi que pour les</p>

<p>(2) Iyo ibyavuye mu itunganywa ryifashishije uburyo bw'ikoranabuhanga ryikoresha ryakurikiwe no kongera gusuzuma buri dosiye hifashishijwe uburyo butari ubw'ikoranabuhanga ryikoresha nta cyo ryagaragaje, ibyavuye mu isuzumwa ry'amakuru bishobora kubikwa hagamijwe kwirinda mu gihe kizaza impurirane zitari zo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Ibikwa ry'inyandiko zirebana n'uburyo bw'itunganywa ry'amakuru</p> <p>(1) Ubuyobozi Bukuru bubika inyandiko zirebana n'uburyo bwose bw'itunganywa ry'amakuru, zikubiyemo nibura –</p> <p>(a) amazina y'umukozi ushinzwe itunganywa ry'amakuru n'aho abarizwa, n'uburenganzira afite bwo kubona amakuru;</p> <p>(b) ubusabe bwatanzwe n'urwego rwa Leta cyangwa ibindi bihugu;</p>	<p>(2) If the result of automated processing has, further to individual review by non-automated means, proven to be negative, the result may be stored so as to avoid future false positive matches.</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Retention of documents relating to data processing system</p> <p>(1) The Directorate General maintains documentation relating to all data processing systems and procedures, containing at least –</p> <p>(a) the names and contact details of the personnel entrusted with the processing of data and different levels of access authorization;</p> <p>(b) requests made by a State organ or other countries;</p>	<p>enquêtes et les poursuites en la matière.</p> <p>(2) Lorsque, à la suite du réexamen individuel par des moyens non automatisés, le résultat du traitement automatisé s'est révélé négatif, ce résultat peut être archivé pour éviter de futures fausses correspondances positives.</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Conservation des documents relatifs au système de traitement des données</p> <p>(1) La Direction générale conserve une trace documentaire relative à tous les systèmes et procédures de traitement des données, contenant au moins –</p> <p>(a) les noms et les coordonnées du personnel chargé du traitement des données et les différents niveaux d'autorisation d'accès;</p> <p>(b) les demandes formulées par l'organe de l'État ou par d'autres pays;</p>
--	--	---

<p>(c) n’ubusabe bwose n’iyoherezwa ryose by’amakuru mu bindi bihugu.</p> <p>(2) Ubuyobozi Bukuru bugaragariza urwego rugenzura izo nyandiko zose, iyo bubisabwe.</p>	<p>(c) and all requests for and transfers of data to other countries.</p> <p>(2) The Directorate General makes the documentation available, upon request, to the supervisory authority.</p>	<p>(c) et toutes les demandes et tous transferts des données vers d’autres pays.</p> <p>(2) La Direction générale met cette documentation à la disposition de l’organe de supervision, à la demande de celui-ci.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Inyandiko z’ibyakozwe mu itunganywa ry’amakuru</p> <p>(1) Ubuyobozi Bukuru bubika inyandiko z’ibyakozwe mu itunganywa ry’amakuru zigizwe nibura n’izirebana n’iyakirwa, isuzumwa, itangazwa n’isibwa by’amakuru; ariko inyandiko zerekeye isuzumwa n’itangazwa by’amakuru zikagomba kuba zigaragaza by’umwihariko impamvu, itariki n’igihe ibyo bikorwa byabereyeho, n’umwirondoro w’umuntu wasuzumye cyangwa watangaje amakuru hamwe n’umwirondoro w’abakiriye ayo makuru.</p> <p>(2) Inyandiko z’ibyakozwe zikoreshwa gusa ku mpamvu z’isubirwamo, iz’ikurikirana, izo kurengera ubusugire bw’amakuru, iz’umutekano w’amakuru cyangwa iz’ubugenzuzi.</p>	<p><b><u>Article 19:</u></b> Records of data processing operations</p> <p>(1) The Directorate General keeps records of the data processing operations, which at least consist of the collection, consultation, disclosure and erasure of data; provided that the records of consultation and disclosure show, in particular, the purpose, date and time of such operations and the identity of the person who consulted or disclosed data and the identity of recipients of that data.</p> <p>(2) The records are used solely for the purposes of verification, self-monitoring, of ensuring data integrity, data security or of auditing.</p>	<p><b><u>Article 19:</u></b> Registres des opérations de traitement des données</p> <p>(1) La Direction générale tient des registres des opérations de traitement des données, qui consistent au moins en la collecte, en la consultation, en la communication et en l’effacement des données, à condition que les registres de consultation et de communication indiquent, en particulier, la finalité, la date et l’heure de ces opérations et l’identité de la personne qui a consulté ou communiqué les données et l’identité des destinataires de ces données.</p> <p>(2) Les registres des opérations de traitement des données sont utilisés uniquement à des fins de vérification, d’auto-contrôle, de garantie de l’intégrité des données, de la sécurité</p>



<p>(3) Ubuyobozi Bukuru bubika izo nyandiko z'ibyakozwe mu itunganywa ry'amakuru mu gihe cy'imyaka itanu.</p> <p>(4) Ubuyobozi Bukuru bugaragariza urwego rugenzura izo nyandiko z'ibyakozwe mu itunganywa ry'amakuru, iyo bubisabwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Uburenganzira bwa nyiri ubwite</u></b></p> <p>Mu itunganywa ry'amakuru, nyiri ubwite afite uburenganzira bwo kurindirwa amakuru bwite, kuyabona, kuyakosoza, cyangwa kugira ibyo abuza ko amakuru ye akoreshwa. Afite kandi uburenganzira bwo kwitabaza inkiko iyo bibaye ngombwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21: Umutekano w'amakuru no kuyagirira ibanga</u></b></p> <p>(1) Itangwa, isesengurwa, ibikwa n'iherekanywa by'amakuru bikorwa mu buryo bufite umutekano kandi bigakorerwa ahantu hari umutekano.</p> <p>(2) Ubuyobozi Bukuru bushyiraho ingamba n'uburyo bya tekiniki</p>	<p>(3) The Directorate General keeps the records of data processing operations for a period of five years.</p> <p>(4) The Directorate General makes the records of data processing operations available, upon request, to the supervisory authority.</p> <p><b><u>Article 20: Rights of the data subject</u></b></p> <p>In respect of the processing of data, a data subject has the rights to protection of his or her personal data, rights of access, rectification and restriction. He or she has the rights to seek judicial redress where necessary.</p> <p><b><u>Article 21: Security and confidentiality of data</u></b></p> <p>(1) The transmission, assessment, storage and sharing of data are carried out in a secure manner and within secure locations.</p> <p>(2) The Directorate General establishes technical and organisational measures</p>	<p>des données ou d'audit.</p> <p>(3) La Direction générale conserve les registres des opérations de traitement des données pendant une période de cinq ans.</p> <p>(4) La Direction générale met ces registres des opérations de traitement des données à la disposition de l'organe de supervision, à la demande de celui-ci.</p> <p><b><u>Article 20: Droits de la personne concernée</u></b></p> <p>En ce qui concerne le traitement des données, la personne concernée dispose du droit à la protection de ses données à caractère personnel, des droits d'accès, de rectification et de limitation. Elle dispose également du droit au recours judiciaire, si nécessaire.</p> <p><b><u>Article 21: Sécurité et confidentialité des données</u></b></p> <p>(1) La transmission, l'analyse, le stockage et le partage des données s'effectuent de manière sécurisée et dans des endroits sécurisés.</p> <p>(2) La Direction générale met en place des mesures et des procédures techniques</p>
--	--	--

<p>n'iby'imitunganyirize byo kurinda umutekano, ku rwego rwo hejuru, usabwa mu gukumira ibibazo bigaragara mu itunganywa no mu miterere by'amakuru.</p> <p>(3) Ubuyobozi Bukuru n'urwego rwa Leta bigirira ibanga itunganywa ry'amakuru bikanarinda umutekano w'amakuru nk'uko biteganywa n'amategeko arebana no kurinda amakuru.</p>	<p>and procedures to ensure a high level of security appropriate to the risks represented by the processing and the nature of data.</p> <p>(3) The Directorate General and State organ ensure confidentiality of processing data and data security in accordance with relevant legislation on data protection.</p>	<p>et organisationnelles appropriées pour garantir un niveau élevé de sécurité adapté aux risques présentés par le traitement et à la nature des données.</p> <p>(3) La Direction générale et l'organe de l'État garantissent la confidentialité du traitement des données et de leur sécurité, conformément à la législation en matière de protection des données.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 22: Itunganywa ritavangura</u></b></p> <p>(1) Ubuyobozi Bukuru n'urwego rwa Leta ntibitunganya amakuru y'idosiye y'umugenzi agaragaza ubwoko bwe, ibara ry'umubiri, idini cyangwa ukwemera, ibitekerezo bye bya politiki, itandukaniro ry'umuco, ururimi, kuba umunyamuryango w'urugaga rw'abakozi, ubuzima bwe, ubumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe cyangwa irindi vangura iryo ari ryo ryose.</p> <p>(2) Iyo Ubuyobozi Bukuru n'urwego rwa Leta byakiriye ibigize amakuru y'idosiye y'umugenzi bigaragaza ubwoko bwe, ibara ry'umubiri, idini cyangwa ukwemera, ibitekerezo bye</p>	<p><b><u>Article 22: Non-discriminatory processing</u></b></p> <p>(1) The Directorate General and the State organ do not process Passenger Name Record data elements which reveal a person's ethnicity, skin colour, religion or belief, political opinions, cultural differences, language, trade union membership, health, physical or mental disability or any other form of discrimination.</p> <p>(2) If the Directorate General and the State organ receive elements of Passenger Name Record data revealing a person's ethnicity, skin colour, religion or belief, political opinions, cultural</p>	<p><b><u>Article 22: Traitement non discriminatoire</u></b></p> <p>(1) La Direction générale et l'organe de l'État ne traitent pas les données du dossier passager révélant l'ethnie d'une personne, la couleur de sa peau, sa religion ou sa croyance, ses opinions politiques, sa différence culturelle, sa langue, son appartenance à un syndicat, sa santé, sa déficience physique ou mentale ou toute autre forme de discrimination.</p> <p>(2) Lorsque la Direction générale et l'organe de l'État reçoivent les éléments des données du dossier passager révélant l'ethnie d'une personne, la couleur de sa peau, sa</p>

<p>bya politiki, itandukaniro ry'umuco, ururimi, kuba umunyamuryango w'urugaga rw'abakozi, ubuzima bwe, ubumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe cyangwa irindi vangura iryo ari ryo ryose, bihita bisiba ibyo bigize amakuru.</p>	<p>differences, language, trade union membership, health, physical or mental disability or any other form of discrimination, they immediately delete such elements of data.</p>	<p>religion ou sa croyance, ses opinions politiques, sa différence culturelle, sa langue, son appartenance à un syndicat, sa santé, sa déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination, ils effacent immédiatement ces éléments de données.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 23: Ikurikiranwa ry'itunganywa ry'amakuru</u></b></p> <p>(1) Umukozi ushinzwe kurinda amakuru akurikirana itunganywa ry'amakuru agashyikiriza Umuyobozi Mukuru raporo y'ikurikiranwa ry'itunganywa ry'amakuru. Iyo raporo igaragaza itunganywa ry'amakuru rinyuranyije n'amategeko cyangwa ukutubahirizwa kw'amategeko yo kurinda amakuru, iyo byabaye.</p> <p>(2) Itunganywa ry'amakuru rinyuranyije n'amategeko cyangwa ukutubahirizwa kw'amategeko yo kurinda amakuru bimenyeshwa inzego bireba.</p>	<p><b><u>Article 23: Monitoring of data processing</u></b></p> <p>(1) A data protection officer monitors data processing operation and submits to the Director General a monitoring report on data processing. The report indicates unlawful processing or breach of data protection rules, if any.</p> <p>(2) Unlawful data processing or breach of data protection rules is reported to the competent authorities.</p>	<p><b><u>Article 23: Suivi du traitement des données</u></b></p> <p>(1) Un délégué à la protection des données effectue le suivi de l'opération du traitement des données et transmet au Directeur général un rapport de suivi du traitement des données. Ce rapport indique le traitement illégal des données ou la violation des règles de protection des données, le cas échéant.</p> <p>(2) Le traitement illégal des données ou la violation des règles de protection des données est signalé aux autorités compétentes.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24: Kumenyesha ivogerwa ry'amakuru bwite</u></b></p> <p>Iyo amakuru bwite yavogerewe kandi bishobora kugira ingaruka zikomeye ku</p>	<p><b><u>Article 24: Communication of personal data breach</u></b></p> <p>Where a personal data breach has occurred and is likely to result in a high risk to the rights and</p>	<p><b><u>Article 24: Communication d'une atteinte aux données à caractère personnel</u></b></p> <p>Lorsqu'une atteinte aux données à caractère personnel est survenue et est susceptible</p>

<p>burenganzira n’ubwisanzure bya nyiri ubwite, Ubuyobozi Bukuru buhita bubimenyesha nyiri ubwite n’urwego rugenzura.</p>	<p>freedoms of the data subject, the Directorate General immediately communicates that breach to the data subject and to the supervisory authority.</p>	<p>d’entraîner un risque considérable pour les droits et libertés de la personne concernée, la Direction générale communique immédiatement cette atteinte à la personne concernée et à l’organe de supervision.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: AMAKOSA N’IBIHANO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: FAULTS AND SANCTIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: FAUTES ET SANCTIONS</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 25: Amakosa n’ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi</u></b></p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena amakosa arebana no kutubahiriza ibiteganywa n’iri tegeko n’ibihano byayo byo mu rwego rw’ubutegetsi, uburyo bitangwa n’ubwo kujurira.</p>	<p><b><u>Article 25: Faults and administrative sanctions</u></b></p> <p>An Order of the Minister determines faults related to the breach of the provisions of this Law and related administrative sanctions, procedures for imposition thereof and appeal.</p>	<p><b><u>Article 25: Fautes et sanctions administratives</u></b></p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les fautes liées à la violation des dispositions de la présente loi et les sanctions administratives connexes, les modalités de leur imposition et de recours.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 26: Ingingo y’ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 26: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 26: Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 27: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda</p>	<p><b><u>Article 27: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda</p>

Kigali, 19/01/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux